


Ikinyarwanda



IKIZAMINI GISOZA UMWAKA WA GATATU W'AMASHURI ABANZA, 2019

IKINYARWANDA

Igihe kimara: Amasaha abiri (2h00)

Amanota:

/80

Amabwiriza:

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
3. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
4. Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.
5. Koresha gusa ikaramu y'ubururu cyangwa iy'umukara

1) Andika amagambo n'interuro bikurikira unoza umukono: (amanota 10)

(a).....

(b).....

(c).....

(d).....

(e).....

2) Uzurisha ibihekane byw, pw, mpw ukore ijambo ryumvikana uryandike mu mukono (amanota 6)

(a)i.....erume

(b)kuyo.....a

(c)bizaca.....a

3) Uzurisha ibihekane *mfw*, *pfw* na *mvv*, ukore interuro yumvikana, uyandike mu mukono. (amanota 6)

(a)Yahomvo.....e kubera amakosa ye.

.....

(b)Se.....ati yaje iwacu gutira i.....ati.

.....

(c)Ubwatsi bukapfaka.....a n'inka.

.....

4) Tondeka imigemo wahawe ukore amagambo yumvikana uyandike mu mukono (amanota 6)

(a)ngi-wi-za-nsyi-gi

(b)mywa-ra-so-a

(c) za-mu-rywe-nti-rya

5) Tondeka amagambo ukore interuro yumvikana, uyandike mu mukono

(amanota 4)

(a) yaguze-Ncyuyimihigo-isoko-mu-incyamuro.

.....

(b) buhoro-ntiyumvwe-Mpwerazikamwa-aravuga.

.....

6) Shyira utwatuzo dukwiye ku nteruro zikurikira: (amanota 4)

(a) Ese wowe wari wajya gusura ingagi

(b) Mbega inyamaswa iteye amatsiko

7) Huza inyamaswa n'intaho yazo (amanota 6)

(a) impyisi mu mazi

(b) imvubu mu isenga

(c) inuma mu cyari

8) Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo: (amanota 16)

Umurage usumba iyindi

Umukecuru Nyiramana yari akuze imvi zarabaye uruyenzi. Intege zimaze kumubana nke, atuma ku bana be bose baraza. Bageze iwe, ababwira ko yumva ananiwe cyane, ko yenda kwitahira. Yifuzaga kubasigira umurage uruta iyindi.

Umukecuru ntiyatindira, atangira kubatekerereza umurage yifuza kubasigira. Ababwira ko icyo abashakaho ari uko baba ababiby b'amahoro. Abasaba kubahana, gukundana, gufashanya no kwirinda amakimbirane. Aboneraho kubibutsa ko abantu ari magirirane. Abo bana bashimira umubyeyi wabo impanuro nziza abahaye.

Hashize iminsi umukecuru arapfa. Abana bakomera ku murage yabahaye, baba intangarugero aho batuye. Umurage basigiwe bawusangiza abaturanyi, bibafasha kwikemurira amakimbirane.

(a) Simbuza amagambo aciyeho umurongo aya akurikira: *amakimbirane, impanuro, imvi*

- Nyiramana yari afite imisatsi y'umweru ku mutwe we
- Umukecuru yabasabye gukundana bakirinda ubushyamirane.
- Ababyeyi bakundaga guha abana babo inama.

(b) Subiza ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:

- Umukecuru uvugwa muri uyu mwandiko yitwa nde?
.....
- Ni uwuhe murage umukecuru yahaye abana be?
.....
- Umukecuru amaze gupfa abana bitwaye bate?
.....
- Ni iki washima abana ba Nyiramana?
.....
- Ni iki twakwigira ku mukecuru Nyiramana?
.....

9) Ica ibisakuzo bikurikira: (amanota 6)

- (a) Tuvuyemo umwe ntitwarya
- (b) Nshinze umwe ndasakara
- (c) Inka yange nyikama igaramye.

10) Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira: (amanota 6)

- (a) Abagiye inama
- (b) gatera amatsiko.
- (c) Uwitonze

11) Soma mu ijwi riranguruye agakuru gakurikira: (amanota 10)

Uburyarya

Umunsi umwe twasigaye ku rugo mama yagiye guhaha. Twaryarywe n'abajura duta urugo, tujya kureba indabo zahovwagamo. Abajura baraducucuye batwiba byinshi, twicuza impamvu twaryarywe tukemera. Nimugoroba mama

avuye guhaha atubaza impamvu. Tumusobanurira ko twabeshywe ko kureba inzuki zahovye bishimisha. Mama adusobanurira ko atari byiza guta urugo.